KA02 2193

KANGURA

IJWI RIGAMIJE GUCYURA IMPUNZI Z'ABANYARWANDA

VOL. 1 NO.66 Prix Zaire 1.$ Tz, Kenya 100 & Burundi 3$ Paris Bruxelle 5$
FEVRIER 1 1995

AGENCE INTERNATIONALE DE PRESSE LIBRE
JOURNAL KANGURA BP.13.12. KIGALI RWANDA
IMPRIME A BRUXELLE BELGIQUE
PAR MAISON OPRT

IBITEKEKEZO BY'IWALI BIHORAHO

1. Kuki FPR Ishaka Gutanga imbabazi Vuba aha?
2. Ibibazo byu rwanda ubu Bigezehe?
3. Umwicanyi wishe Abasenyeri Ikabgayi Nyirimanzi Bita Manzi Ubu yageze Inayirobi Muri ambasade yahawe ubutumwa bwo kwica abautu baba muri Kenya
4. Twakurikiranye inama yo Mu Busuwise

EDITORIAL

ABANYARWANDA TURANGWE N'UMUTIMA WO KUBABARIRA, ARIKO MBERE Y'UKO TUBABARIRA INYENZI TUBANZE TWIBABARIRE TWE UBWACU.

Isi yose irifuza ko Abanyarwanda bababarirana, ngo amashyaka ari mu Rwanda akabanza akabababarirana n'ari mu buhungiro.
MDR inyenzi ikiyunga na MDR pawa
PSD Inyenzi ikiyunga na PSD pawa
PL Inyenzi ikiyunga na PL pawa
PDI Inyenzi ikiyunga na PDI pawa
andi mashyaka yose nta kibazo afite kuko yose ari mu buhungiro n'abayoboke bayo. Ibyo nibirangira abasirikare nabo bamaze guhuzwa baziyunga bakurikike uko ikibazo kemeze, inyenzi nizikenera kwiyunga, baziyunga, nizikenera kurwana bazarwana, ariko rero mbere y'uko abahutu n'abatutsi bababarirana, nibabanze bababarirane ubwabo. Kugirango ubabarire umuntu bisaba ibi bikirikira:

1. Uwo ububarira agomba kubanza kugusaba imbabazi, atazisaba kubera isoni, akakwereka ko izo mbabazi azikeneye. Ubu turi mu buhungiro rero twashyizwemo n'abahutu bakoreraga inyenzi batarasobanukirwa. Twibuke rero abo tugomba kubabarira:

Ninde muri mwese utibuka ukuntu bamwe mu banyamashyaka bacu aribo batumye twirukanwa n'inyenzi. Buri muntu narebe mu ishyaka yarimo, arasangamo bamwe mu bayobozi bayo bamugambaniye. Mwibuke ko muli buhungiro kubera ko muri abahutu gusa, nta wuri mu buhungiro kubera ko akomoka mu karere aka n'aka, nta wuri mu buhungiro kubera ishyaka iri n'iri. Ni mwibuke rero ukuntu abanyamashyaka baboshyaga buri gihe kujya gusubiranamo na bagenzi bagenzi banyu mudahuje amashyaka . Mwibuke ukuntu mwasenyaga amazu ya bagenzi banyu mudahuje amashyaka kandi mubibwiwe n'abayobozi banyu. Mwibuke ukutu hari abababwiraga ngo ntihagire runakamutuma ahita afite imodoka ikomoka mu karere aka n'aka. Ibyo kandi byakorwaga ari uko habanje guterana inama z'amashyaka yanyu akaba n'abayobozi banyu, mwibuke abantu bapfuye bazira imyigarambyo mwabaya mwoherejwemo n'abo babayoboraga mu mashyaka. Abasenyewe narebe mu ishyaka rye arasangamo urugero rwa hafi.

Ubwo Ruhengeri yaterwaga, umuhanda Kigali - Ruhengeri wari wafunzwe n'inyenzi. Ubwo abo mu karere ka Gisenyi Ruhengeri kugirango bajye i Kigali bagombaga kunyura i Gitarama. Mwibuke ukuntu uwitwa Nsegiyaremye yakoresheje inama abwira abo muri MDR section Gitarama ngo bakore ibishoboka byose ntihagire umukiga uhanyura, ubwo abakiga babura inzira, nibwo batangiraga intambara y'abatuye ku mbibi zayo ma perefegitura abakiga bashaka inzira, abanyenduga bafunga inzira. Ibyo byose byakorwaga n'agatsiko ka Nsengiyaremye gusa, ariko ku rundi ruhande, bamwe mu bategetsi b'ubwenge buke bo mu Rukiga bafashe icyo gikorwa nk'aho ari icy'abanyenduga bose, ubwo nabo ku rundi ruhande mu yandi mashyaka yabo bakaroha urubyiruko.

Iyo Nsengiyaremye yabuzaga abakiga gukandagira i Gitarama, yumvishaga urubyiruko rwe ko ngo bishe Kayibanda. Ari ko se Kayibanda rayapfuye koko, kuki atibuka ko yishwe naba Lizinde, Biseruka, Kanyarengwe, Nsengiyumva Anatole; kandi abo bose yari azi neza ko ubu bakorera inkotanyi, ko ari bo bakoze coup d'Etat yo kumuyanabo, bagaha Habyarimana ubutegetsi, barangiza akaba ari bo bica abo bose yavugaga. Nonese yari ayobewe ko abishe Kayibanda bari mu nyenzi? ese n'aho batari kuba barimo koko, ko coup d'Etat yakozwe n'agatsiko k'abantu batageze kuri 12, kuki umuturage ariwe wagombaga kubizira kandi ataranabaye umuserire? Hari abategetsi b'abakiga bahitagamo kubana n'abatutsi kurusha abanyenduga. ese kuki batabonaga ko ari umutego w'umwanzi koko. Abo bategetsi ubu nibobataye umutwe, bariruka hirya no hino ku isi babuze aho bajya n'abatutsi babakoreshage banze ko baza mu RWanda, ahubwo Inkotanyi zabashyize kuri lisiti y'abahigwa, ya mzu yabo zarayasenye, ubwose barwaniraga iki? Abo bayobozi ubu barazwi uko bangana, imikorere yabo irazwi yose, naho kuvuga ngo bisubiyeho nta gaciro bifite. None se twakwizera dute ko batazongera. Nibemere amakosa bakoze, bajye iruhande dutange abandi bategetsi bashya batigeze bateranya abaturage; kuko kongera kubatangamo abategetsi ubutaha kwaba ari ukubahembera ayo marorerwa bakoze.

Urundi rugero

Mwumvise ejo bundi le 26.01.1995. ukuntu uwitwa leon MUGESERA yafatiwe muri Canada azira telegramu yari yarakozwe mu 1993, igakorwa na Mbonampeka afatanije na Nsengiyaremye. Izo mpapuro zamuhigaga zimaze imyaka ibiri zakozwe ubwo abahutu bari batarasobanukirwa, bakimarana, ubwo Mbonampeka yali afataniie na Nsengiyaremye. Izo mpapuro zamuhigaga zimaze imyaka ibiri zakozwe ubwo abahutu bari batarasobanukirwa, bakimarana, ubwo, Mbonampeka yari mu PL Inyenzi anaziburanira ahara 'ra kuzivanaho ubunyenzi zabaga zakoze. ARiko se nibyageze nyuma agahinduka < < pawa > > bigatuma ahunga, none rya shyano yasize akoze rikaba rigikomeza! Ng'uko uko Docteur MUGESERA Leon yafashwe azira impapuro zasinywe n'abo bari kumwe mu buhungiro. Ubwo se abo bo twakwizera dute ko batazahinduka. Tubatege amaso. Mwibuke Mbonampeka yegura ngo ni uko Habyarimana ahohotera abatutsi, ngo arananizwa na MRND yo yanze ko MUGESERA, NGEZE . SETIBA, bafatwa ngo bafungwe! Kuba tutarafashwe icyo gihe byatumye yegura ngo arananizwa, anabivuga kuri Radio Rwanda byumvwa n'abantu benshi, none dore turi hanwe mu buhungiro n'ubwo ishyano yadukururiye rikidukurikiranye. Ingero ni nyinshi ariko tugomba kubabarirana nta kundi byagenda, twarangiza tukababarira n'inyenzi, maze tugatunga tugatunganirwa.

NGEZE HASSAN.

INAMA YO MU BUSUWISI YATAYE INKOTANYI MU NAMA.

Ngo akagabo gahimba akandi kataraza.Nyuma y'uko inkotanyi zizengurutse isi yose ziyumvisha ko abahutu turi abicanyi,zikabona abazungu baracecetse,zakomeje kwizera ko abazungu bazakomeza kuguma mu buhumyi,bakumva ibyo Runyenzi akomeza kubeshya.Habaye amanama menshi ,yaba aya CEPGL,ayandi yo mu karere k'ibihugu duturanye .Ayo manama yose imyanzuro yafatirwagamo ntacyo runyenzi yashyiraga mu bikorwa,imvugo ye yakomeje kuba yayindi ngo abahutu ni abicanyi,nyamara iyo abazungu babajije ukuntu FPR yaba yarageze ku butegetsi ivuye ku mupaka za Kagitumba -Rusumo -Cyanika itishe ,iraruca ikarumira,wagirango yashyize bibiliya imbere maze iba ariyo ibageza i Kigali.Ese FPR iyo ivuga ityo iba yumva abo yishe Byumba ,Kibungo,Ruhengeri n'ahandi hose yagiye inyura ibona wenda barazutse?Abazungu bose bari mu Rwanda

KA02 2195

bazi neza ubugome bwa FPR kuko imyaka ine yose y'intambara babonye igihe cyo kuyimenya. Yego hari abirengagiza ubwo bwicanyi bwayo ,ariko si ukuvuga ko baba batayizi,ahubwo ni uko haba hari ibindi bashaka kugeraho.

BITE N'INAMA YO MU BUSUWISI ?

Nk'uko itangazo rirangiza inama ryashyikirijwe ibinyamakuru byari aho i Geneve mu gukurikirana imirimo yabyo:Le Soir,RFI,Le Monde,Reuter,El Laïc,Kangura ,Radio Rwanda na Radio Amahoro iyo nama ikaba yarabaye taliki ya 18 na 19 Mutarama,intumwa z'u Rwanda zari zihagarariwe na Twagiramungu Faustin,zari zigizwe kandi na Anastase Gasana Ministre w'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane,Mariko Kagenera,minisitre w'imari ,Aloyiziya Inyumba ministri w'umuryango no guteza imbere umunyarwandakazi,Jacques Bihozagara ministre wo gucyura no gutuza impunzi,Iyamuremye Augustin ministri w'ubuhinzi ubworozi,n'abandi bayobozi bo mu nzego zo hejuru z'ubutegetsi.Iyo nama yateguwe ibitewe mo inkunga na PNUD,intumwa zawo zikaba zari ziyobowe na Madame Ellen Johnson Sirleaf, uwungirije umunyamabanga mukuru wa ONU akaba n'umuyobozi w'ibiro bishinzwe Afrika.

Inama yatangiwe na James Gustave Speth,umuyobozi wa PNUD . Ubutumwa bw'umunyamabanga mukuru wa ONU bwasomwe n'intumwa yihariye y'umunyamabanga mukuru wa ONU mu Rwanda Shahryar Khan,hanyuma ubutumwa bwatangajwe na Peter Hansen,uwungirije umunyamabanga mukuru ushinzwe imibereho y'abantu Madame Sadako Ogata,umunyamabanga ushinzwe iby'impunzi muri ONU Ayala

Lasso,umunyamabanga mukuru ushinzwe iby'uburenganzira bw'ikiremwamuntu Ji Chaozhu,umunyamabanga mukuru wungirije iby'amajyambere n'icungamutungo Lansana Kouyaté, umunyamabanga wungirije ushinzwe ibya politiki.

Mu bafashe amagambo bose barimo intumwa zo mu rwego rwo hejuru nka Irlande yari ihagarariwe na Joan Burton ministre wa Leta ;Ububirigi bwari buhagarariwe na Eric Derycke umunyamabanga wa Leta ushinzwe iby'ubutwererane n'amajyambere .Ubuhorandi bwari buhagarariwe na Jan Pronk ministre w'ubufatanye n'amajyambere .Abandi kandi bafashe amagambo ni abahagarariye imiryango mpuzamahanga ,na za ONG.

Intumwa zari zihariye ni izi:Afrika y'Epfo,Ubudage,Ostraliya ,Otrishiya ,Ububiligi,Canada ,Danemariki,Hisipaniya ,Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ,Finilande,Ubufaransa,Irilande,Ubutariyani, Noruveje,Ubuhorandi,Ubwongereza,Uburusiya,Suwede,Saint-Siège,Ubusuwisi,:Mu bihugu by'indorerezi harimo Alijeliya ,Angola ,Etiyopiya ,Gana ,Kenya ,Koweti,Lireriya,Madagascar,Maurice,Nijeri yaNouvelle-Zelande,Senegali,Sudani,Tanzaniya,Tunisiya na zambiya.Banki y'Afrika itsura amajyambere,Banki y'isi ,komisiyo ishinzwe iby'ubukungu,Umuryango w'uburayi,Ikigega cya Kowet gitsura amajyambere,Ikigega mpuzamahanga cy'imari,na OPEP byari bihari ku buryo bw'indorerezi.Ibiro bikuru byita ku murimo(BIT),Ikigo gishinzwe uburenganzira bw'ikiremwamuntu (CDH),urukiko mpuzamahanga rureba iby'ikibazo cya Yugosiraviya,Komisiyo y(ubukungu muri Afrika,.CNUCED,ishami rishinzwe iby'amajyambere n'icungamutungo;ishami rishinzwe imibereho (DHA),FAO,ikigega cy'isi giteza imbere ubuhinzi,,FNUAP,HCR,OCDE,OIM, OMS,UNESCO,UNICEF,UNOPS,PNUD-VNU,n'imiryango itagengwa na Leta nka ACCT:ACORD,CARE,Centre Nord-Sud,ICVA,INTERACTION,FICR,na "Steering Committee for Humanitarian Response.

Ngo iyo abanzi babiri basubiranamo ,ushaka uwo ushyigikira,ngo ubacamo ibice unagabanya ubukari bwabo.Mu minsi ishize nk'uko tubibabwiye,iyo nama yo mu Busuwisi yigaga ukuntu u Rwanda rwahabwa amafranga yo kongera kurwubaka.

Iyo nama yari yitabiriwe n'ibihugu byinshi ari ibizi amateka y'u Rwanda,ari n'ibitayazi cyangwa biyazi ariko biyirengagiza.

Ubwo mbere y'uko iyo nama itangira,ministre w'intebe Twagiramungu yakiraga buri gihe abazungu bakeneye kumenya ibibera mu Rwanda,bakamubaza ingorane afite mu kuyobora guverinoma idafite aho ihuriye n'iyari iteganijwe mu masezerano y'Arusha .Kuri icyo kibazo yashubije neza cyane kuko yakunze kuvuga ubugome bwa bamwe mu ba Extrêmistes b'abatutsi baboneka muri FPR ngo bakaba barusha ubugome abo muri MRND -CDR. Bamubajije niba yabona ingufu zo kugarura umutekano mu gihugu,asubiza ko nta muntu ushobora kubuza inkotanyi kwica ngo

kereka abakuru bazo.Ngo si bose kuko hari abashyira mu gaciro,ariko akabona abo muri FPR ntacyo bahinduraho.

Bamubajije icyo amahanga yamufasha mu kugarura umutekano mu Rwanda ,avuga ko urukiko mpuzamahanga rugiyeho ,ibice byombi byagaragaye mu bwicanyi kandi bigahabwa ibihano ntangarugero,ngo ubwo bwicanyi bwagabanuka ,ngo kuko mu rukiko nta gihangange kibamo,ngo naho yaba umukuru w'ingabo ,ministre,bose bagomba guhanwa baramutse bagaragayeho ubwicanyi,ngo ni umwe mu miti y'ubwicanyi mu Rwanda.

Ibyo twabibwiwe n'umuyobozi wa HCR i Kinshasa,ngo akaba ashimishwa n'ukuntu Twagiramungu yumva ikibazo no mu kugisobanurira amahanga.Ngo abo ayobora batamuvangiye bakamwumva ,ngo ntihabe igitugu cya FPR,ngo abonye inkunga y'amahanga ashobora kugerageza gukemura byinshi mu bibazo igihugu gifite.

Ubwo inama yaratangiye ,buri gihugu mu byagombaga kwiga icyo kibazo cyo gufasha u Rwanda ,kikaba cyari cyazanye idosiye yose yerekeranye n'u Rwanda,muri buri dosiye hakabamo umubare w'abanyarwanda w'ingeri zose mbere y'intambara,umubare w'abanyeshuri bose u Rwanda rwari rufite mbere y'intambara baba abigaga mu Rwanda cyangwa mu mahanga,umubare wose w'abakozi u Rwanda rwari rufite,umubare w'abatekinisiye u Rwanda rwari rufite mu nzego zose,n'umubare w'amadeni u Rwanda rwari rufite mbere y'uko ishyano rigwa. Ubwo FPR yavuze ko yazinduwe no gusaba inkunga yo gusana u Rwanda rwangijwe n'intambara (yashoje) .FPR isaba amadorari (700.000).Ubwo itangiye kuvuga ibyo,abazungu bayibaza ayo yaba ifite ngo bayongerere,ivuga ko nta narimwe,bayibaza niba yemera ko igihugu atari ubutaka ko ahubwo ari abantu,isubizako ibizi neza rwose.Ubwo abazungu mbere yo gutangira ikibazo cy'amafranga ,babanje kubaza ibibazo bya politiki,babaza impamvu amasezerano y'Arusha atubahirizwa.Kuri icyo kibazo intumwa z'inkotanyi ntabwo zagishubije kimwe,kuko uko Twagiramungu yagishubije wasangaga abatutsi bari kumwe nawe muri iyo nama bamutumbira nk'aho bashaka kumurya,wabonaga ibisobanuro atanga atabyemera ,bamubaza ibyerekeranye n'umutekano mu Rwanda agasubiza ko ugenda ugaruka buhoro buhoro ko ikibura ari amikoro,ko babonye amafranga yatuma bagura ibikoresho ko umutekano wagaruka,bamubaza icyo abahutu n'abatutsi bapfa,asubiza ko icyo kibazo hari abacyumva nabi;ko ntacyo bapfa ko hubwo ari abacyumva nabi bakivuga,cyangwa hakaba abakigenderaho bagikoresha politiki yo guteranya amoko.Bamubaza impamvu amarembo y'u Rwanda afunguye ariko impunzi zikaba zanga gutaha ,yashubijeko bakizitirwa n'interahamwe (abahutu), ubwo noneho bamubajije icyo azamaza ayo mafranga kandi bene kuyakoresha bari mu buhungiro,asubizako bazakora ibishoboka byose bakabacyura,ko ikibura ari urukiko

KA02 2196

mpuzamahanga rwabanza gucira imanza abicanyi maze abasigaye bagataha.Bamubajije icyakorwa abo bicanyi bamaze gufatwa bashyikirijwe urukiko ,niba abasigaye bashobora kwinjizwa mu nzego zose z'ubutegetsi .Ubwo mbere y'uko atanga igisubizo habanje kuba ikiruhuko cy'iminota 30.Ibibazo byari bikomeye.

Nyuma y'icyo kiruhuko abari hanze bose banywa ikawa .ubwo bari bishimiye uko irimo igenda ,ariko abavugana n' inkotanyi bagasanga bitandukanye nibyo Twagiramungu avuga .Ubwo basubiye mu cyumba cy'inama ,maze bategа amatwi ibyo Twagiramungu asobanura.

*Ku byrekeye gucyura impunzi zahunze kera ngo ibyo bisa n'aho byarangiye,ngo n'abasigaye hanze ni ubushake bwabo,ngo ariko uko gutaha huti huti kw'impunzi za kera kwateye ibibazo bitabarika kuko basanze nta mazu bateganirijwe,bityo bakiroha mu mazu y'abahungiye muri Zayire na Tanzaniya .Nyuma y'ibyo byose ngo nibwo guverinoma yahagurukiye gukemura ibyo bibazo byose,ngo nihaboneka amikoro mu gihe gito bizaba byakemuwe.

Ubwo abazungu basubiranye ijambo ,maze babaza Twagiramungu niba hari abanyabwenge baba barasigaye bashobora gukoresha ayo mafranga asaba cyangwa niba agomba kwiyambaza amahanga,asobanura ko bahari,bamubaza aho bahereréye ,asubiza ko igice kinini ubu kiri mu buhungiro.Bamubaza niba mu Rwanda hari abashobora gukoresha amaboko (banyakabyizi)bakaba bakora nko mu cyayi ,mu nganda,mu makawa n'ahandi ,yashubije ko kubacyura byakoroha habonetse amikoro.

NI IKI BAVUZE KU MUTEKANO WABO

---

ubwo abazungu basabye inkotanyi gutanga gahunda nyayo atari byabindi by'amanama atagira icyo ageraho.Babanza kumubaza niba abaturage bose bicanye cyangwa bagahagarara ku bwicanyi bashobora gucibwa urubanza.Yashubije ko bamaze gukora ilisiti y'abantu bageze kuri 200 bashobora kuzashyikirizwa urukiko mpuzamahanga.Abo maganabiri akaba aribo baroshye abandi mu bwicanyi,ngo rero barateganya mu gihe cya VUba gutanga imbabazi rusange (Amnesty général)ngo ariko zikazatangwa ari uko urukiko rwatangiye gukora rwashyikirijwe bariya 200.

Ubwo abazungu batanze igitekerezo cyo kuzajya gusura impunzi z'abanyarwanda bakareba impuguke mu buhanga bunyuranye,zaba zisigaye,maze zigahembwa amafranga y'amezi atandatu,FPR nayo ikaba igomba kwizeza umutekano imbere mu gihugu impunzi zatashye.

umutekano kandi ingabo zizaba zikiri hanze,Twagiramungu yashubije ko muri bariya 200 bazashyikirizwa urukiko ,harimo 135 b'abasivili ,na 65 b'abasirikare ,ngo hakurikijwe amikoro y'igihugu, muri izo ngabo zahunze hazatoranywamo izishobora kwinjizwa mu mutwe w'igihugu,ngo abandi bakajya mu buzima busanzwe.

Ubwo hamaze gutangwa ibisobanuro bihagije kuri izo ngingo,abazungu bemeje ko bazajya batanga igice gihwanye na 30% by'ayo mafranga ,ariko bigaterwa n'umwete FPR izaba ifite mu gucyura impunzi no kuzinjiza mu butegetsi bwose uhereye ku bwa gisirikare,ubwa gisiviri no mu nteko ishinga amategeko.

IYO NAMA YADUSIGIYE IRIHE SOMO RERO ?

Imirimo y'iyo nama koko wasangaga ari iyo gukemura ibibazo by'u Rwanda koko ibyemejwe muri iyo nama biramutse byubahirijwe n'ubwo Arusha yose itaba ishyizwe mu bikorwa,ariko nibura 85% byaba byubahirijwe :kugabana ubutegetsi bw'ibice byombi,guhuza ingabo,iziri mu buhungiro n'iziri imbere mu gihugu,bityo noneho abaturage bagera mu Rwanda bagasaba amatora babinyujije mu mashyaka yabo

Ng'uko uko inama yo mu Busuwisi yagenze,ariko ntawamenya niba runyenzi azabishyira mu bikorwa.

NGEZE HASSAN Envoyé spécial Génève Swisse.......

NGEZE HASSAN.
DIRECTEUR DU JOURNAL KANGURA
B.P 13 12 KIGALI MOMENTANEMENT EN BELGIQUE
BRUXELLE
LE 2/02/1995

<u>IMPAMVU</u> :Gusubiza ibyo African Rights yanditse kuri Kangura.

Ibisobanuro kuri Rakiya OMAAR na Alex de Waall
11-MARC Halsea Road LONDON-SE11EP.
Tél:071-717/1224
Fax 071-717 40

Binyujijwe kuri AGENCE FRANCE PRESSE-International House
Po.Box 30671-Nairobi
Télé:332023-220627-230613/4/5.
Fax 230649.

Mbanje kubashimira umwete n'umurava mukorana akazi kanyu ko guharanira uburenganzira bw'ikiramwa muntu.Maze igihe nsoma ibyo mwanditse ku Rwanda byaba ibya mbere y'intambara cyangwa iby nyuma y'intambara.Rwose uwo mwete abakurikira ibyo mwandika barabashima.Ikosa mwaba mukora muri ak kazi ndumva nta waribarenganyiriza kuko utatinya gukora ngo utazakosa,icyangombw ni uko wabanza gukora wakosa ukemera gukosorwa,iyo wanze kwikosora nibwo ugira icyo unengwa mu mikorere yawe .Ibyiza mwakoze mu kazi kanyu nibyo byinshi,ariko ntawabibashimira kuko niko kazi kanyu mwiyemeje,gusa icyo umuntu yabashimira ni ukwemera kwikosora aho

mwakosheje.Ubwo nibwo butwari mu kazi ka buri wese.

INTEGANO Z'URU RWANDIKO

Gusubiza ibikubiye mu gitabo cyanyu mwasohoye mu mpera z'umwaka ushize ,nkaba ntari bujye mu byerekeye amateka y'u Rwanda kuko ibyo bifite abazabisobanura.Si ndi bujye no muri politiki kuko nabyo bifite abazabisobanura.Nta numwe mvugira kuko buri wese agomba kuzisobanura akurikije ibimuvugwaho.Nzinduwe no kuvuga ibyerekeranye n'umwuga wanjye w'itangazamakuru gusa,<u>uko mbibona</u> ,<u>uko nabibonye</u> n'ibyo mwahereyeho mwandika biriya .

Muri raporo yanyu yakozwe ubwo FPR yari imaze gufata ubutegetsi igasohoka mu mpera z'1994 mwakoze iperereza ku byabaye mu Rwanda ,uko ubwicanyi bwatangiye ,ibimenyetso byabutangije n'ibyakurikiye nyuma y'ubwo bwicanyi.Ibyo ni byiza rwose .

TUBANZE TUVUGE KU BYEREKEYE N'UKUBOGAMA KWABONETSE MURI RAPORO YANYU.

Iyo umuntu asomye raporo kuva ku rupapuro rwa mbere kugera ku rwa nyuma asangamo kubogamira ku ruhande rwa FPR cyangwa abakorera FPR.Ibimenyetso byose byatanzwe muri raporo yanyu ni ibyo mwahawe n'abantu ba FPR cyangwa abayifasha.Ibyo tutabitinzeho kuko namwe muzi neza aho mwabivanye.Reka njye mbaze ibirebana n'akazi kanjye.

* Mbere na mbere ndi umunyamakuru wigenga ,washinze ikinyamakuru cy igenga akaba ari nanjye ugishakira imfashanyo mu mpande zose zinyuranye .Izo mfashanyo zituma ikinyamakuru kibaho zikaba zikubiyemo ibice bitatu:

A.Imfashanyo y'amafranga 'atuma gishobora gucapwa ngo gisohoke .

B.Imfashanyo y'inzandiko z'abantu bumva bahitishamo ubutumwa bwabo ngo bugere ku bandi basomyi.

C.Imfashanyo z'ibitekerezo nki nama tugirana n'abantu mu rwego rwo guteza akazi kacu imbere,tukaba tuganira n'umuntu wese ubyifuje,tukamugezaho ibitekerezo byacu ,nawe akatugezaho ibye bitabogamiye ubwo bwigenge bwacu.Tukaba twibaza impamvu **muri raporo zose mukora mukaba mutatwegera ngo tubahe ibisobanuro birambuye kubyo mutwandikaho cyangwa mutwibazaho .Wenda mu migambi yanyu murabiteganya ,turabategereje ,tuzabakira ,tuzabasobanurira ibyo byose mwifuza bibabera urujijo. Aho mwifuza ko twahurira aho ariho hose** muzatubwire igie n'umunsi tuzahabasanga n'ibisobanuro byose.

TUVUGE KURI BIMWE MWATWANDITSEHO.

Muri icyo gitabo gikubiyemo raporo yanyu ku rupapuro rwa 23na 24 GENOCIDE muravuga ngo Kangura yatangaje amategeko icumi y'Abahutu .Nibyo koko ayo mategeko twarayatangaje ariko kuyatangaza ntibivuga ko aritwe twenyine twabikoze kuko yatangajwe n'ibinyamakuru byinshi n'ibitabo byinshi kandi twese tuyatangaza mu buryo bunyuranye.Urugero rwa hafi rw'abatangaje ayo mategeko icumi y'Abahutu.

* Hari KAngura yayatangaje,hakaba n'amwe ubwanyu mwatangaje muri raporo yanyu mwakoze ku Rwanda usibye ko mwe mwayasohoye mu rurimi rw'icyongereza kubera impamvu mwe muzi.Abandi bayatangaje ni ibinyamakuru byakoreraga mu Rwanda nk'icyitwa INTERA cyandikwaga n'icapiro ryitwa Printer set umuyobozi w'iryocapiro akaba ariwe FPR yagize ministri w'amashuri abanza n'ayisumbuye bwana Rwigema Pierre - Céléstin

Ikindi kinyamakuru cyayatangaje ni ikitwa UMURAVA cyandikwa na Afrika Janvier ubu ukoreshwa na FPR mu guhimbira abantu ibyaha batakoze .Ibyo namwe murabizi.

AMAVU N'AMAVUKO Y'AYO MATEGEKO

Ubundi ayo mategeko yageze mu Rwanda avuye mu gihugu cy' Ububiligi icyo gihe yakorwaga njye ndi muri gereza ya K gali ,aho mfunguriwe nsanga ariyo nkuru ihari mu mpande zose z'igihugu abantu bazicicikanya kuri za photo copi ngo 1 amenye icyo akubiyemo.

Kubera ko nasangaga ari ibintu biteye amatsiko ahanini bigendana n'intambara u Rwanda rwarimo,twaje gusanga tugomba natwe kuyashaka .Umuntu wa mbere wayaduhaye yayaduhaye atagaragara neza kubera ko yari kuri photo copi yakozwe kuri fax yari yaturutse i Bruxelle aho yakorewe.Si ngombwa ko tumuvuga muri uru rwandiko kuko ntacyo byatumarira . Ubwo twaje kumenya ko mu icapiro ritegekwa n'uriya Rwigema Pierre-Céléstin ayo mategeko ayafite kuberako yari yarayasohoye mu kinyamakuru yandikaga cyitwa Intera .Ubwo twaramwegereye ahita ayaduha kuko yayahaga buri muntu uyamusabye .Impamvu ayo mategeko yari aduteye amatsiko ,ni uko muri Kangura n°4 yasohotse mu kwezi k'Ugushyingo 1990 twari twarasohoyemo amategeko 19 yiswe ko ari ay'abatutsi yavugaga Le PLAN DE LA COLONISATION TUTSI .Ayo twayasohoye ari inkuru kimwe n'izindi tugirango abashinzwe politiki ,n'abashinzwe amadini bose bamenye ibyo bintu birimo bizerera mu gihugu hose babyamagane babyumva.Ayo mategeko y'abatutsi nayo yari amaze imyaka myinshi azunguruka akarere ka Kivu dore ko bivugwa ngo yatahuwe mu 1962 taliki ya 6 Kanama .Gushyira hanze inkuru ivugwa yaba iyanditse ,iy'amashusho ,si ukuvuga ko ari wowe uba warayihimbye .Ari ayo yitiriwe ay'abatutsi ,ari n'ayo yitiriwe ay'abahutu yose nta narimwe twemera,ntan'ayo twahimbye ,twe twayatangaje ngo rubanda ifatanije n'ubutegetsi bafatanye kuyamenya no kuyamagana ,dore ko yazengurukaga igihugu cyose ameze nka taragiti.

Ng'uko uko twatangaje ayo mategeko.Umugabo twatanga ni NKUBITO Arufonsi wari procureur général murukiko Ruhungabanya umutekano wa Leta wasomye ayo mategeko mbere y'uko Kangura iyasohora ,kandi ubwo abantu benshi basomye ayo mategeko yombi twe turi muri gereza ya Kigali aho twari dufungiye guhera le 6-07-1990 kugeza mu mataliki ya 20-10-1990 .

Twibutseko intambara yateye twe turi muri gereza ya Kigali tuzira ko twari twaranditse ko mu Rwanda hagiye kuba intambara izaba ishingiye ku bahutu n'abatutsi bapfa ubutegetsi.Muri icyo gihe intambara yatangiraga nibwo izo taragite zose zazengurukaga igihugu cyose .

Ibindi bimenyetso byoroshye,services z'Ababiligi zishinzwe iperereza zishobora gusobanura ukuntu ayomategeko yakozwe n'abayakoze kuko yakorewe ku butaka bwayo akaba ari naho atangirwa.Abayakoze bakanayatanga bamwe bavuyeyo abandi baracyariyo,nabo kandi barabyemera .Aha rero umuntu akaba yibaza impamvu mutabaza bene kwandika ariya mategeko ahubwo mukihutira kwikoma Kangura.Ibyo nimwe mwabisobanura impamvu mubikora. None se ko namwe mwayatangaje nonese umuntu azayabitirira ?Ese mwayatangaje ari uko mwayakoze cyangwa muyemera ?Uburyo mwayatangajemo nibwo natwe twayatangajemo.

Dushyize mu gaciro ,ari twe ari namwe nta wukwiye guhanirwa ariya mategeko kuko atari twe twayanditse ,icyo twakoze twe bo muri kangura namwe bo muri Afrika Rights ni ukuyandika gusa .Mwe mwayasomye muri Kangura natwe twababwiye aho twayavanye .Ibiro bishinzwe iperereza by'Ububiligi bizabaha ibisobanuro bihagije,tukaba tubasabye gusobanurira amahanga uko icyo kibazo giteye.

Muri raporo yanyu ku rupapuro rwa 39-40-41-42 murakomeza mugira muti Kangura yasohoraga inzandiko ziteranya amoko.Aha ndagirango mbasabe kuvugisha ukuri mu kazi kanyu.Sinzi neza icyo muba mushaka kugeraho iyo mwandika biriya bintu .Umuntu yakwibaza niba muba mushaka kungira igihangange mu banditsi cyangwa niba mushaka kunsebya mukongera muti kangura yatangaga ibinyamakuru byubuntu ngoniko mwabwiwe nansanzuwera ubu wagizwe procureur general ikigali, ibyo se byamurebagaho iki ko adashinzwe kumenya igihombo ninyugu mukazikacu .cyereka yerekanye koyashakaga gushoramo umugabane runaka agaterwa ubwoba nuko ducunga umutungo nabi. ariko ibyo singombwa ko abishira murukiko kuko ntaho bihuriye nakazi ashinzwe cyereka niba aribyo yize. murakomeza muti kangura yali ifite ibishushanyo byinshi bisohoka mukinyamakuru, ngo muli ibyo bishushanyo halimo intwaro zaba izakizungu (imbunda amasasu ibimodoka byintambara) hakabamo kandi intwaro za kinyarwanda nonese ikosa ryo gushushanya nirihe. nikihe kinyamakuru cyo kwisi kitarashushanya intwaro? nonese muli ziriya ntwaro nizihe abasirikare bibice byombi batarwanishije,(inkotanyi nizali ingabo zurwanda)cyereka niba muvuga kodufite uruganda rwa kijyambere ruzikora cyereka nimutwereka aho twanditse dutoza abasirikare uburyo bwo kuzikoresha.

Tubanze twibukiranye amavu n'amavuko y'ibyo Kangura yandika ,kimwe n'ibyandikwa n'ibindi binyamakuru byaba ibyo mu Rwanda cyangwa ibyo mu mahanga .

Amashyaka muri Afrika n'itangazamakuru

Mbere y'uko intambara y'Ukwakira 1990 itangira,n'umwaduko w'amashyaka mu 1991 twandikaga mu kinyamakuru Umunyamuryango cya TRAFIPRO ,KAZAGWA ,EJO NZAMERANTE,kugeza ubwo dukoze icyitwa KANGUKA njye na

mugenzi wanjye witwa Rwabukwisi Visenti.Icyo gihe nari nshinzwe ishami rya politiki muri ibyo binyamakuru,nahanganaga n'abategetsi batakoraga ibyo rubanda ibatezeho,bigiraga indakoreka ,baba aba gisirikali cyangwa abasivili.Muri icyo gihe cya mbere y'intambara nta wigeze aturega inzandiko zivangura amoko,ahubwo baturegaga inzandiko ziserereza abategetsi twitaga ibisambo.

Urugero rwa hafi mu 1988 twigeze kwamagana ukuntu mu Rwanda hakorwa an atora y'igitugu adashobora kutugeza kuri demukarasi,ahubwo anaba yatuma abategetsi bakomeza kwigira indakoreka mu gukandamiza rubanda .Ubwo umuyobozi w'ikigo cya gendarmeri cya Gisenyi twashinjaga gukubita abantu nk'inyamaswa akabagira intere akabatobora umubiri wose,yaje kugaba igitero iwanjye umugi wose wa Gisenyi uragotwa nko mu gihe cy'intambara .Ubwo naziraga ukuri kwanjye gusa.Naje gufatwa nshyikirizwa parquet ya Gisenyi aho naje gufungurwa na Nsanzuwera François ubu wabaye procureur général i Kigali.Ibyo yabibera umugabo kuko nicyo gihe yari procureur ku Gisenyi.

* Amashyaka menshi aravutse

Abazungu bahatira ibihugu by'Afrika kugera ku butegetsi bw'amashyaka menshi,ntabwo babanje kureba neza ingorane bizakurura ngo babe bahugura abategetsi bifuza kuzaba mu buyobozi bw'amashyaka .Uko kubura amahugurwa kwabanya politiki kwaje kubyara ingorane nyinshi cane zaje kutuvíramo ibyo byago byose,ibyo kandi byabaye hose muri Afrika .

* Bite no mu Rwanda ?

Mu mwaka wa 1990 u Rwanda rwatewe n'umutwe w'inkotanyi ahanini wari ugizwe n'impunzi zahunze u Rwanda kubera ibibazo binyuranye .Muri izo mpunzi inyinshi zari abana b'abatutsi bari barahunze imvururu zabaye igihe hakorwaga révolution mu 1959.Njye kimwe n'abanyamakuru dukorana twari tutaravuka bahunga na révolution iba

Intambara imaze kuvuka ubutegetsi bwasabye abaturage bose gushyira hamwe bakarwanya umwanzi wari wateye igihugu.Ubwo abaturage bose bishyize hamwe barwanya uwo bitaga umwanzi w'igihugu.Mu kurwanya umwanzi harimo uburyo butatu:kujya mu gisirikare,gutanga umusanzu wo kugura intwaro,no gutanga ibitekerezo byatuma tuva muri iyo ntambara.Twe kimwe n'abandi Banyarwanda twagombaga gutanga umusanzu kimwe n'abandi.Abashoboye gutanga umusanzu barawutanze,abagombaga kujya mu gisirikare nabo bagiyemo ,abagombaga gutanga umusanzu w'ibitekerezo nabo barawutanze ,bakabikora banyujije mu biganiro banyuzaga kuri radio ,mu binyamakuru no mu biganiro mbwirwaruhame .Ibyo biganiro byatanzwe haba mu mahanga ,ibyo namwe murabizi.

Icyo twe muri Kangura twakoze.

Kimwe n'abandi banyamakuru twegeraga abo banyepolitiki tukumva ibitekerezo byabo babaga batangarije mu nzira twavuze haruguru maze natwe tukabishyira ahagaragara .None se kuki aritwe mwikoma aho gukurikirana bene gutangaza ibyo twandika ?Niba umutegetsi runaka atangaje ikintu mu kiganiro mbwirwaruhame isi yose ikayumva ,natwe muri Kangura tukagitangaza uko giteye,ni kuki aritwe mwakwikoma aho kwikoma bene gutangaza iyo nkuru tuba twatangaje?

Ukwaduka kw'amashyaka

Mu gihe intambara yari itarasobanuka neza imbere mu gihugu havutse amashyaka ashingwa n'abantu bariho ubwo révolution yakorwaga ya 1959 ,benshi muri abo banyamashyaka biciyemo ibice bibiri:

Abo muri MDR bati:Habyarimana niwe waduteje intambara akunda abatutsi kuruta abahutu,bagakomeza bagira bati naveho twirangirize intambara nk'uko twayirangizaga kera mu 1962 kugeza mu 1967 bagakomeza bati niba ibyo kuvaho bidashobotse nazane tugabane ubutegetsi maze twirangirize intambara .

Ibyo byose abanyamashyaka babivugiraga ku karubanda izuba riva,haba muri za mitingi ,radio cyangwa mu biganiro mbwirwaruhame.Uko niko natwe twafataga ibyo babaga bavuze maze tukabitangaza .Abo mu yandi mashyaka nabo nko muli PL bati :habyarimana yarenganije abatutsi ashyira imbere Abahutu,ati ibyo byose bigomba guhagarara kuko ari ingoma y'igitugu.Ibyo byose byakorwaga urwanda rwari mu ntambara,ni nako kandi abategetsi begeraga ibinyamakuru ibinyamakuru byandikwa nabyo aribw0o bikivuka bikeneye inkunga inyuranye ngo bitangaze ayo madisikuru y'abo bategetsi.

Nonese kuba twarandikaga ibyavugwaga n'abategetsi mu ruhame nibyo twagomba kuzira ? kuki mutabaza bene kubitangaza?cyereka nibatuzire kuba twararwanije inkotanyi.

Ihindagurika mu magambo ry'abanyepolitiki.

Hari abanyepolitiki batangiye barwanya inkotanyi bazita Abatutsi bakurikije uko babizi,abo banyapolitiki ni nako babibwiraga abayoboke babo,hashira igihe gito ukumva ngo bahisemo gusanga inkotanyi barwanyaga.Si ngombwa kuvuga amazina yabo kuko azwi na benshi.Abo bose babaga bibagiwe ibyo bigishije Abanyarwanda ku kibazo cy'abahutu n'abatutsi .Hari n'abandi banyamashyaka batangiraga bavuga ko abatutsi barenganye ko bagomba kwigobotora ingoma y'igitugu ,abo bagatuma urubyiruko rubari inyuma rukajya mu nkotanyi kujya kurwanya icyiswe ingoma y'igitugu,abo nabo nyuma baza gusubiranamo n'inkotanyi noneho bagaruka ku ruhande rw'abahutu?révolution batangiye barwanya ko batayemera ,ko yakozwe mu mafuti ,ko abayikoze bari abicanyi,ibyo byose .Ibyo byose babaga barigishije ababari inyuma ,bakabyibagirwa ,maze ukumva ngo bagarutse mu murongo no kuvugira abahutu bagiye kurimburwa n'abatutsi.Ubwo nabwo bagakora urundi rubyiruko,ndetse ntibanatinye kurusubirishanyamo,ibyo byose Kangura yabyandika kandi byavuzwe n'abanyamashyaka ,abo kugirango bibazwe ababivuga ,ahubwo mukikoma Kangura iba yabitangaje.

Urugero rwa hafi ,uwari ministre w'intebe bwana Nsengiyaremye yigeze gutangariza ku Kibuye muri mitingi ya MDR ngo < <inkotanyi zitaretse imirwano ashobora kuzitererezа abasore b'intarumikwa bageze kuri 1.000.000 (miliyoni).Iyo miliyoni yavugaga ngo ni iy'abahutu.Ibyo byose isi yose yarabyumvise .Nyamara se Nsengiyaremye siwe watangaje ngo Habyariman navaho impundu zizavuga .Nonese aho kuvuga impundu ntihavuze induru hagati ya za ntarumikwa n'inkotanyi zigizwe n'abatutsi ?Ibyo byose Kangura yabitangaza mukayikoma ngo ivangura amoko? Kuki mutakwikoma abo baba babitangaje ?

Urundi rugero rwa hafi :Uwitwa MUSANGAMPFURA Sixbert ubu uyobora service ishinzwe iperereza mu gihugu mu biro bya ministre w'intebe cyera acyandika ikinyamakuru cyitwa ISIBO yigeze kwandika mu buryo burambuye ijambo muvuga ko ryatangajwe na MUGESERA. Nonese abe ariwe uzabazwa iby'iyo nyandiko ?

Urundi rugero;umunyapolitiki umwe yarahagurutse ku Kibuye ati banyakibuye umunsi mwabonye inkotanyi yagizwe komanda uyobora abasirikare ku Kibuye ngo ntibizabatangaze ,ngo u munsi mwumvise perefe w'inkotanyi ngo ntibizabatangaze ngo niko u Rwanda rugomba gutegekwa ,none uwo watangaje ibyo niwe waje kujya mu gice cyitwa POWER ahanini kigizwe n'abahutu batishimiye ubutegetsi bw'igitugu bwo muri FPR,none ubu nawe yarahunze.Izo disikuru zose twazitangaza ngo

KA02 2199

turateranya amoko ?

*** <u>Ku rupapuro rwa 47 rwa raporo yanyu</u> muragira muti :Kangura ibintu byose byabaga yabaga yabivuze;muti ubwo Kangura <u>yabaga ibizi .</u>**
Ibyo nibyo koko ,ariko se kuki mwirengagiza umwuga w'itangazamakuru ariko cyane cyane icyitwa <u>Droit d'opinion</u> Kuba intambara yaratangiye tuyireba dukora akazi k'itangazamakuru,kuba amashyaka yaravutse dukora akazi k'itangazamakuru ,kuba ibintu byose byaravugwaga,bigakorwa tubirora ,tubona ukuntu abitwa abanyepolitiki bivuguruza buri kanya ,kuba abanyapolitiki bataratinyaga gusaba abantu gushyamirana ;gusubiranamo,ibyo byose kandi bigakorwa tubibona ,kuba twari dufite abakozi bahagije bazobereye mubyo gusesengura ,byatumaga dushobora kumenya ibishobora kuba duhereye kuri ibyo byose byavugwaga,bikorwa.

Nonese ninde utazi umunyepolitiki wigeze kuvuga kumugaragaro ngo < < Rubyiruko rwa MDR ,<u>izo nterahamwe aho ziri hose muzihige muzikande</u> > > Nonese guteranya abantu kuruta uko ni ukuhe ?nonese si umunyepolitiki wo hejuru wabivugaga ? nonese Kangura kubyandika ni ugukora ishyano ?Nonese mwibagiwe disikuru zavuzwe ubwo mu Bugesera havukaga imidugararo ?haba mbere yayo cyangwa nyuma yayo ,nonese si abanyepolitiki babivugaga.Nonese Kangura niyandika ibyavuzwe ngo yakoze ishyano ?

Tuvuge ku byerekeye ku byabaye mu kwezi kwa kane .Kuva taliki ya 1-01-1994 kugeza le 6-06-1994 twasohoye nimero za Kangura 5 gusa ni ukuvuga <u>n° 54-55-56-57-58-59</u> Muzi izo nimero zose twageragezaga kubwira Abanyarwanda n'abanyamahanga ko bakora ibishoboka byose bakaburizamo intambara yagaragaraga ko igiye kuvuka .Ibyo gigaragara nko muri Kangura n° 54 page 12 ahanditse ngo <u>intambara ishobora kurota i Kigali mu minsi yavuba</u>. Nko mu ijambo ry'ibanze riboneka muri Kangura n° 57 aho tuvuga tuti NRA na FPR biritegura kugaba ibitero mu Rwanda <u>Page 6</u> ,nko muri Kangura N° 58 ijambo ry'ibanze turagira tuti indi LONU izavahe ko iyaje itashe amara masa.Nko mu ijambo ry'ibanze rya kangura N°59 turagira tuti :Erega koko FPR irabucakiye koko (ubutegetsi).Muri iyo Kangura kuri page ya 4 turagira tuti:Erega guverinoma ya Twagiramungu igiye kuroha u Rwanda mu ntambara y'amoko.

Izo Kangura zose twazitangaje hagati ya 1-01-1994 na
6-04-1994 ntaho twigeze dusaba abantu gusubiranamo,uwabidushinja niwe wabitangira ibimenyetso.Ahubwo twasabaga kwitegura intambara twabonaga ko iri bugufi ukurikije ibyavugwaga kandi bigakorwa n'abanyepoliy-tiki b'ibice byombi:guverinoma,amashyaka na FPR.

Ikimenyetso simusiga cyatwerekaga iyo ntambara ni ijambo ryatangajwe taliki ya 30-Mutarama 1994 rigatangazwa na Pasteur Bizimungu wari watanzwe na FPR kuba ministre w'ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya komini iyo guverinoma ishingiye ku masezerano y'ARUSHA ijyaho .Muri hoteli Mérdien i Kigali yemeje ko FPR ishobora kubura imirwano ,yagize ati :Nibashaka tuzongera turwane, abari aho buzuyemo abatutsi bamukomera amashyi nk'aho bo batava amaraso.<u>Taliki ya 14-gashyantare 1994</u> umukuru wa FPR ahanura intambara ngo izamena amaraso menshi ariko FPR IKAZAYITSINDA .Uwo munsi nibwo nyakwigendera Bucyana yashyinguwe iwabo muri cyangugu ,Barayagwiza Jean Bosco umujyanama w'ishyaka CDR yaboneyeho gusaba abahutu gukomeza kwihangana muri ibyo byago bari bagize.Ntibyabujije ariko abatutsi gukomeza gushotorana muri komini Cyimbogo _Cyangugu aho Bucyana avuka n'i Gikondo aho yari atuye. <u>27-Gashyantare 1994</u> amashyaka yari ariho yasubukuye imirimo y'inama yari yagiranye na perezida wa repuburika amara amasaha 15 yose ,ariko ibyemezo by'ingirakamaro byayivuyemo FPR yarabigaramye.Mu itangazo ryashyizweho umukono na Kanyarengwe FPR yikoma perezida wa repubulika ngo arashaka gukora indi coup d'Etat.FPR mu mvugo yayo ya gashozantambara yikoma Habyarimana ,MRND n'aba Power ngo ntizakomeza kwihanganira abo babisha. Kanyarengwe akoresha mitingi muri Butaro abwira abaturage bavanywe mu byabo n'intambara ngo barazira Habyarimana;aranamwikoma cyane.Yarihanukiriye ngo Habyarimana nta kindi ategereje uretse urupfu ngo kandi ruri hafi.Kanyarengwe akurikizaho iterabwoba asanganywe ;yibutsa abaturage ko FPR yiteguye gushoza indi mirwano vuba .Twakwibutsa ko abakuru b'ibihugu bigize umuryango wa CEPGL bari baraye bahuriye muri Zayire: MOBUTU,HABYARIMANA na Cyprien NTARYAMIRA w'u Burundi basuzumira hamwe ikibazo cy'abatutsi bagiye koreka akarere mu mivu y'amaraso ,baniga icyo abahutu n'abatutsi bapfa .

UBWICANYI BWABAYE MU RWANDA MU KWEZI KWA KANE N'INGARUKA ZABWO KU BUYOBOZI BWA KANGURA

Nk'uko twabyanditse muri Kangura N° 53 zasohotse mu Kuboza 1993 tuvugako Habyarimana ashobora gupfa mu mpera z'ukwa gatatu 1994 ibyo tukaba twabisobanuye ku buryo burambuye ruguru.

URUPFU RWA HABYARIMANA RWADUKURURIYE INGORANE ZITARI NKEYA NK'UKO TUGIYE KUBIBAGEZAHO

Mu kwezi kwa kane Habyarimana amaze gupfa ,umuyobozi w'ingabo ku Gisenyi ,colonel Nsengiyumva Anatole yakoresheje inama abamwungirije barimo capitain Habimana wategekaga bataillon 62 yari ikambitse ku Gisenyi na lieutenant Bizumuremyi .Muri iyo nama bemeza ko bagomba kugaba ibitero iwanjye bakanyica n'abahaba bose .Ubwo mbere y'uko nicirwa iwanjye banyohereje convocation intumira mu kigo cya gisirikare .Ubwo naritabye nirirwa mfunze amanywa yose,nibwo ku mugoroba Lieutenant ambajije ngo kuki mvuga ibintu bikaba ,ngo ngomba kubisobanura ,ubwo namusobanuriye ko biterwa n'ibimenyetso tuba dufite mu kazi kacu .Ubwo yaje kubaza shebuja uo yabyifatamo,niba bahita banyica ako kanya ,ubwo bombi bemeza ko ntaha maze bakazanyicira iwanjye mu rugo mu bitero bagombaga kuhagaba.

* <u>Mu ntangiriro z'ukwezi kwa gatanu</u> uwitwa Slt Dusabeyezu Eustache wali mukigo cyo ku Gisenyi ubu akaba yaratashye ari mu nkotanyi akaba afite se w'umw'adjudent wakoraga muri prezidansi ya repubulika ,yagabye ibitero iwanjye ari kumwe n'abasirikare batanu .Ubwo hari mu ma saa moya z'ijoro avuga ko Colonel Nsengiyumva Anatol amutumye kuza gusaka iwanjye niba hari abatutsi bahahishe ,ngo basanga bariyo agahita ahatwika ubwo twaje kumusaba gukora inyandiko nvugo yibyo agiye gukora
arayikora arangije arasinya ubwo ahita atangira akazi kogusaka abo batutsi yali yatumwe. arangije tumubaza uko yaliyatumwe kuza kubigenza nyuma yisaka, atubwira yagombaga gusoza umugambi yali yatumwe.Ubwo bimaze icyumweru mu masasaba z'ijoro ikigo cyo ku Gisenyi cyohereza abasirikare bayobowe na capitain Habimana wategekaga bataillon ya 62 aherekejwe na lieutenant Bizumuremyi n'abandi basirikare .Bageze mu rugo bahita barasagura amasasu menshi,batwika imodoka yanjye ya peugeot 305.Muri iyo mirimo yose yabaye haje kugwamo umuntu udafite aho ahuriye n'icyo kibazo .Ibyo byo gutera iwanjye byatangirwa ibimenyetso n'abatuye umujyi wa Gisenyi bose.

Ubwo ibyo bitero biburiyemo,haje

gukorwa teregaramu zirenze 43 zisaba ko uwamfata wese azahita andasa ntakuzuyaza.Muri uko kwezi ,naje gufatirwa ku muhanda Ruhengeri -Gisenyi ahitwa mu Bigogwe.Ubwo umusirikare wari wahawe ubutumwa bwo kundasa anyereka teregramu ibimutegeka,nibwo agize ubwoba akurikije uko twanganaga,nibwo ahisemo kurjyana mu kigo cyo mu Bigogwe,ubwo muri iryo joro baduha imodoka ebyiri zo kuduherekeza kugeza mu kigo cya Gisenyi aho naje gufungirwa ijoro n'amanywa.bugeze ku mugoroba wo ku wundi munsi .bampa ijipe iyobowe n'umulieutenant w'umu P.M. Police - Militaire n'abasirikare batandatu,ubwo bahabwa ubutumwa bwo kundasira mu nzira ariko bamaze kubibwira ubuyobozi bw'ingabo i Kigali.

Ubwo twageze muri Kigali nijoro ,duhita tubonana na Chef d'Etat Major Bizimungu ,mutekerereza icyo nzira ,asanga byose bituruka kwa colonel Nsengiyumva Anatole uhora yohereza telegramu ngo ngomba kuraswa kubera kuvuga mvugishije ukuri nkerekana ibizaba mpereye ku bimenyetso bigaragara.

*Ibyo natangaje mu ntambara Radiyo Rwanda yaje kumpa ijambo ,imbaza ukuntu mbona intambara n'ukuntu mbona ishobora kurangira .Nkurikije ubuswa bwarangaga abo bose bampigaga .Nkurikije ambargo yari yari yafatiwe u Rwanda 'natangaje ko intambara itazarangira mu kwezi kwa karindwi 1994,ariko mu kwezi kwa gatanu ikabanza ikarangira muri Kigali .Ibyo niko byagenze kandi twabivuze dukurikije ibyo byose twavuze haruguru.None rero bayobozi ba Afrika RIghts ibyo ni bimwe mu bimenyetso tubahaye akaba ari bike cyane mubyo tuzi dukurikije akazi kacu,tubasabye gutangaza iyi nyandiko mu basoma ibyo mwandika kuko mwakunze kutuvugaho ibidafite aho bihuriye n'ukuri mukatwitirira amakosa yakozwe n'abandi kandi mugakunda kubogamira ku nkotanyi mwanga kuvuga ibitangazwa n'ibinyamakuru by'inkotanyi .

Turabategereje ,tuzabafasha kubaha ibisobanuro .Turangije kandi tubamenyesha ko natwe dukeneye ko urukiko mpuzamahanga rwaza mu vuba ngo arirwo rutugira abere,bityo bitume mwumva ko mwari mwaraguye mu mutego w'inkotanyi zibakoresha ibyo zishaka,zibabuza kureba no kumva ukuri kwa buri ruhande rushyamiranye n'inkotanyi.

Twiyambaje ibiro ntaramakuru by'Ubufransa aho biri hose ku isi gukwirakwiza ibisobanuro byacu aho namwe mwakwirakwije ibyanyu,tunabasaba mwebwe ubwanyu gutangaza iki gisubizo cyacu aho mwaduharabitse hose.Tuanabasabye kutubwirira isi yose ko uzashaka ibisobanuro tuzabimuha igihe cyose ntacyo tumuhishe.

Apfa kutatubaza ibya politike ,amateka ,azatubaze uko tubibona mu itangazamakuru .Ibyo tuzavuga byose ,bizaterwa n'ibyo tuzi dukurikije akazi kacu dukunda k'itangazamakuru.

Tubasabye kuduhera iyi barwa Reporteurs sans Frontières ngo nayo isobanure ibyo ihora ivuga kuri Kangura .

* Ku byerekeye akazi kacu ko gukomeza gusohora Kangura

Ntawe ushobora kutubuza gukora akazi kacu naho twapfa ;abadukunda bazakomeza kuyandika kandi bayandikire aho bazaba bari hose.Ubu irandikirwa mu Bubiligi ,ishobora no kwimurirwa no mu kindi gihugu twabona ko nta ngorane byakurura .

NGEZE Hassan
Directeur du Journal Kangura
NAMUR -Belgique.

Bimenyeshejwe

* Umunyamabanga mukuru wa ONU by'umwihariko

* Agence France Presse-International House
P.O BOX 30671-Nairobi
Tél 332023-220627-230613/4/5
Fax 230649

* Ibihugu byose bikurikira ibibera mu Rwanda

* Imiryango yose yita ku burenganzira bw'ikiremwamuntu

* Imiryango yose ihuje abanyamakuru ikanabavugira

* Ba Ministri bose b'isi b'itangazamakuru baboneka mu bihugu byibumbiye muri ONU.

* procureur général prés du trubunal international

kigali

ibishoboka byose ngo ingabo z'amahanga zize kuvogera igihugu cyigenga .Ingabo z'amahanga nazo zagombaga kumenya ko zitagomba kuza impunzi zitazishaka.Urugero rwa hafi ni urw'Abanyamerika baje mu butumwa bw'ubutabazi bakazana amazi yo guha impunzi,ariko kubera ko impunzi zitabashakaga zanga no kuyanywa kugeza ubwo zivanyemo akarenge.

Ubwo ibyo byose umunyamabangâ mukuru wa LONU amaze kubisesengura ,yasabye amahanga abishaka kandi afite ubushobozi gutanga abasirikare n'ibikoresho byabo mu kujya mu nkambi z'impunzi,maze habura n'igihugu na kimwe kibyemera ,n'icyashakaga kubyemera cyaburaga ibikoresho,kugeza ubwo ejobundi icyo cyemezo cyo kohereza ingabo mu nkambi kivanyweho.

FPR YABYAKIRIYE ITE ?

Kugeza ubu FPR ntiravuga icyo ibitekerezaho ,ahubwo abakurikiranira hafi amacenga ya runyenzi ubu yatangiye kwikoma igihugu cy'Ubufransa ,Zayire na Misiri ngo nibyo bishaka kuzashyigikira ibitero bishobora kuzakorwa igihe cyose imishyikirano izaba yananiranye. Ng'uko uko ingabo za LONU zitakije mu nkambi n'ubwo zari kuza kandi zikabogama nazo zari guhabwa isomo;zaza neza kandi tukazifasha kugera ku ntegano yazo ishimishije rubanda nyamwinshi.

NGEZE HASSAN

ABAHUTU BA MBERE MU NGABO Z'INKOTANYI

Turi kuwa gatatu taliki ya 25/01/1995 mu kigo cya gisirikare cya Gako ahagiye kubera imihango yo kwinjiza bwa mbere abahutu mu ngabo z'abatutsi (Inkotanyi-Inyenzi). Mu bantu benshi b'abanyacyubahiro baje harimo abahutu bakorera inkotanyi. Mu rwego rw'ubutegetsi bwa gisirikare :Pasteur Bizimungu, Kanyarengwe,Twagiramungu n'abandi. Ni iki kigaragara ku mitima y'abantu bari aho ?

NGO AKUZUYE UMUTIMA GASESEKARA KU MUNWA.

Muri uwo muhango buri mututsi afite uko yakiriye icyo gikorwa .Harimo ibice byinshi: harimo ababyishimiye bagira bati wenda kwinjiza aba bahutu mu nkotanyi byatuma nta yindi ntambara yongera kuboneka mu Rwanda .Abandi bati ese bariya bahutu baje bate ,ni uruhe rwego rwabatoranije ,bati ese twabwirwa n'iki ko atari interahamwe cyangwa abaje gushoza undi mugambi w'ubwicanyi.Ikindi gice cy'Abatutsi kiti utazi imihindukire y'umuhutu ,umwereka mu mbere ,ngo abahutu binjiye mu nkotanyi ni ishyano ribaye,ngo ntibagombaga kwinjizwa mu ngabo nta masezerano abayeho.Ngo mbese ko binjijwe mu ngabo baje bahagarariye uruhe ruhande nk'uko amasezerano y'Arusha abiteganya ?Ubwo uko abo batutsi bavugaga batyo niko abahutu baba mu nkotanyi bicinya icyara bati:nibura natwe tubone abahutu bashobora kuturwanaho bibaye ngombwa inkotanyi zigahindura imitima yazo.

MU BYUKURI KIRIYA KIBAZO

GITEYE GITE ?

Mu ngabo zinjiye mu Nkotanyi harimo ibice bitatu: 1.Igice cya mbere harimo abahutu bari basanzwe ari ibyitso by'inkotanyi baba mu ngabo z'u Rwanda bakorera inkotanyi mu butumwa zabaga zabahaye.

2.Igice cya kabiri ni abasirikare b'inda nini bamwe bumva bagomba kurya ingoma zose ,uko zaba zimeze kose .Aba ba nyamujyiyobigiye akenshi ntibareba kure ,bareba icyo iminsi ibaha ,ibagaburiye gusa.

3.Igice cya gatatu ni abasirikare bagiye mu nkotanyi bafite amatsiko yo kumenya uko ziteye,kureba ibizivugwaho no kuzitata neza ngo niharamuka habaye ikibazo zizifatanye n'ingabo zacu zizaba zivuye mu buhungiro maze inkotanyi tuzicakire duturutse impande zose.Uwo mutego ni umwe muzo inkotanyi zari zaraduteze igihe twari ku butegetsi,none nazo igihe kirageze ngo zitegwe kimwe nk'uko zadutegaga ziturohamo ibyitso.

IMYITOZO Y'AMEZI ANE KURI IBYO BICE

